/S.Cl./F.M./

REPUBLIQUE RWANDAISE
MINISTERE DE LA JEUNESSE
ET DES SPORTS
B.P.1044 KIGALI

Kigali, le 10 Janvier 1983

N° 0058 /12.08.01

Monsieur le Secrétaire Général
du M.R.N.D.
K I G A L I

OBJET: Compte-rendu d'exécution des recommandations du 3ème Congrès du M.R.N.D.

Monsieur le Secrétaire Général,

Faisant suite à votre lettre n°565/001. 005 du 21 octobre 1982 relative à l'objet repris en marge, j'ai l'honneur de vous faire parvenir, en annexe, le compte-rendu de l'exécution des recommandations du troisième Congrès Ordinaire du M.R.N.D., en ce qui concerne le domaine de la Jeunesse, des Sports et Loisirs.

Malgré la modicité de ses moyens tant matériels que humains mis à sa disposition, mon Département s'est efforcé de réaliser un certain nombre d'actions tendant à assurer l'intégration de la Grande Jeunesse dans le circuit de développement national, d'une part, et a organisé plusieurs activités sportives, dans une perspective du développement du sport de masse, d'autre part.

Le domaine culturel a également retenu l'attention du Ministère de la Jeunesse et des Sports, notamment par l'encadrement des groupes folkloriques (ballets) et de loisirs (orchestres...).

Je vous en souhaite bonne réception.

Le Ministre de la Jeunesse
et des Sports
NDINDILIYIMANA Augustin
Major BEM

P.O. Dirgénl SEMATEKA Cl.

C.P.I.à:
- Son Excellence Monsieur le Président de la République Rwandaise
  K I G A L I
- Monsieur le Président du C.N.D.
  K I G A L I
- Monsieur le Ministre (Tous)
  K I G A L I

Uburyo ibyemezo bya Kongre y'Igihugu ya gatatu byubahilijwe na Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino.

=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=

Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino, ihereye ku byemejwe na Kongre y'Igihugu ya gatatu yihatiye kwubahiliza ibikubiye mu ngingo zikulikira:

I. Ibyerekeye imibereho y'abaturage Ministeri ifite uruhare ku rubyiruko

1. Kurujijura

a) Ibigo bijijura urubyiruko

Kuva Ministeri y'Urubyiruko ishingwa mu mwaka w'1973 yihatiye kujijura Urubyiruko rutigeze rugera mu mashuli n'urwayigezemo aliko rugataha rutarangije. Kugira ngo ibigereho yashinze ku giti cyayo ibigo bijijura Urubyiruko mu Gihugu (Centres de Formation). Ibyo bigo bili i GACULIRO muli KIGALI, i KARAGO muli GISENYI, i SHYOGWE muli GITARAMA, i NDAGO muli GIKONGORO, i MASAKA muli KIGALI n'i KABARE muli Kigali, yashyigikiye kandi ibigo by'urubyiruko byashinzwe na za Komini cyangwa n'abagiraneza bitaye ku bibazo by'Urubyiruko rwacu.

Mu nkunga ibatera ibahembera abigisha bamwe na bamwe ikabaha ibikoresho mfasha-nyigisho, iby'ubwubatsi, ububaji, ubuhinzi, ibilibwa ndetse n'amatungo mu bigo bimwe na bimwe.

Ibyo bigo byose hamwe ni 43. Muli ibyo, ibyiyongereyeho kuva mu mpera za 1982 ni bitatu: icya Komini SHYANDA muli BUTARE cyashinzwe n'ubutegetsi bwa Komini ibifashijwemo na Ministeri, icya Komini ya KARAGO muli GISENYI n'icya Komini MURAMBI muli BYUMBA ubu kucyubakwa.

Ukuyemo imishahara y'Abigisha muli ibyo bigo n'imfashanyo zatanzwe n'abagiraneza, imfashanyo Ministeri yatanze ikuye kuli Bije y'ayo isanzwe ya buli mwaka, igura ibikoresho, ibilibwa n'amatungo yahawe ibyo bigo ihwanye na Miliyoni 20 muli 1981, na Miliyoni 20 muli 1982.

b) Chantiers z'Urubyiruko

Mu mwaka w'1979 niho mu Rwanda, Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino, ifashijwe n'Umuryango mpuza-mahanga wita k'ubutwererane mu muco no muli tekiniki (Agence de Coopération Culturelle et Technique), yagerageje gufasha urubyiruko ikoresheje uburyo bushya bwageragejwe ahandi bwitwa Chantiers des Jeunes.

Ubwo buryo bushya bugenewe gukangura urubyiruko cyane cyane abayobozi b'amashyirahamwe bubigisha ubuhinzi n'ubworozi bwa Kijyambere.

Ubwo buryo kandi bugamije kugira amashyirahamwe intangarugero, akarushaho kwongera umusaruro, bityo akaba abereye urubyiruko rwo mu cyaro isoko y'imilimo iruha ikirutunga.

.../...

Ibikoresho by'ubuhinzi n'ubworozi ndetse n'amatungo bitangwa n'uwo mushinga.
Ikigo cya Chantier cyatangiye muli 1979 kuli i NDAGO ku GIKONGORO, muli suprefegitura ya MUNINI,, kikaba gifasha amashyirahamwe ali muli Komini MUBUGA, RWAMIKO, KIVU na NSHILI muli GIKONGORO, no muli Komini RUNYINYA na NYAKIZU muli BUTARE. Ikigo cya kabili cyatangiye ku italiki ya 1/03/1980 i KARAGO muli GISENYI, suprefegitura ya KABAYA. Gihuliwemo n'amashyirahamwe yo muli Komini KARAGO, GICIYE, RAMBA, GASEKE, MUTURA, RWERERE na KANAMA zo muli GISENYI, na Komini NKULI na NYAMUTERA zo muli RUHENGERI. Imilimo yo kuzuza n'imihango yo kugitaha byarangiye muli uyu mwaka.
Kugirango ubwo buryo bushya burusheho kugilira Urubyiruko akamaro, hemejwe muli uyu mwaka ibi bikulikira :

- Ikigo cya "Chantier" kizajijura urubyiruko rugamije kwishyira hamwe mu bikorwa. Ibyo bigo bigomba kugira umutungo uhagije, kandi bizafasha urubyiruko rutarangije gukora amashyirahamwe no kugulisha imyaka n'ibikoresho bivuye muli ayo mashyirahamwe.

- Imilimo yo kwubaka ikigo cya Chantier y'iburasirazuba bw'i Gihugu ili muli Komini MURAMBI Prefegitura ya BYUMBA yatangiye muli uyu mwaka igomba kwihutishwa. Icyo kigo kizahuza amashyirahamwe yo muli Komini MURAMBI, MUHURA, GITUZA na KINYAMI zo muli BYUMBA, n'ayo muli Komini RUKARA na MUHAZI zo muli KIBUNGO.

- Mbere y'uko umugambi wa 3 w'amajyambere y'i Gihugu urangira, umushinga wa Chantiers z'Urubyiruko uzaba umaze gukwira muli KIBUYE, CYANGUGU, BUTARE na GITARAMA. Ministeri y'Urubyiruko n' Imikino mu nyigisho itanga mu bigo bya Chantiers des Jeunes yifashisha abategetsi n'abatekinisiye b'akarere uwo mushinga uherereyemo. Amasomo atangwa na Veterineri, Agronome, Umuyobozi wa za Koperative, Umuyobozi w'Urubyiruko, Ushinzwe iby'ubuvuzi ndetse na Asistante Sosiyale.

- Chantier y'i NDAGO yaguye igomba kuvugururwa kugirango ikore nkuko byateganijwe, naho ikigo cy'i KARAGO kigomba gukulikiranwa k'uburyo buhagije kugirango kigere ku ntego Ministeri yiyemeje.

c) Inyigisho

Inyigisho zitangirwa muli bya bigo zibanda cyane cyane k'ubuhinzi n'ubworozi, ku myuga y'ubwatsi, ububaji, ubudozi, gukora no gusana inkweto, ubukanishi na sudire, isuku, gukunda Igihugu, gukorera hamwe muli za Koperative, n'inyigisho z'umwihaliko zihabwa abakobwa zerekeye gufata neza urugo no kwita k'ubuzima bw'abarutuye cyane cyane abana.

.../...

Hamwe na hamwe batanga n'inyigisho zo gusoma no kwandika, ndetse n'imishinga yo kuzikwiza mu bigo byose irategurwa.
Kubyerekeye ubuhinzi, ubworozi n'ubukolikoli inyigisho zitangwamo zigamije cyane ibikorwa kuburyo hateganijwe yuko mu gihe gitaha ibigo byinshi bishobora kuzagera k'umutungo uhagije bigashobora kuzirwanaho.

2. Imilyango y'Urubyiruko

Imilyango y'Urubyiruko, cyane cyane U.G.A., J.A.C/F. n'abaskuti nayo yihatiye gufasha Ministeri kujijura no gukangura Urubyiruko.
Abaskuti bafite bimwe mu bigo by'Urubyiruko byavuzwe haruguru kandi barategura imishinga yo kubaka ibindi. U.G.A. nayo cyane muli RUHENGERI, BYUMBA na KIBUNGO, yahuguye urubyiruko, cyane cyane abakuru b'amakipe, ibaha inyigisho yo kubarura no gucunga neza umutungo w'amakipe, izo guhinga ibirayi ku buryo bwa kijyambere n'izerekeye ubuhinzi n'ubworozi zitangwa na INADES. Naho JAC/F, ikorera cyane cyane muli GISENYI, KIBUYE na CYANGUGU, yakoresheje anketi yerekeye uko bitegura gushyingirwa, ikangura kandi ihugura urubyiruko mu buhinzi bw'ibiti byera imbuto zilibwa no mu busitani bw'imboga, mu byo kwenga umutobe na divayi y'inanasi, korora, kudoda n'ibindi ...

Mu bikorwa bifasha amashyirahamwe, imilyango y'Urubyiruko nayo ntiyasigaye inyuma. Dore nka JAC/F twavugaga yubatse inzu yo guhunikamo umusaruro mu by'ubuhinzi bw'amashyirahamwe y'uwo mulyango i MUSHUBATI, yubakira abakobwa b'i NYAMASHEKE inzu icurulizwamo ibyo bakoze, ifashisha amamashini adoda amashyirahamwe ya BIRUYI muli GISENYI n'ay'i CYANGUGU, itwerera intebe n'ameza yo kudoderaho amashyirahamwe y'i KIGUFI, MUHORORO na NYUNDO, ibongerera n'ibikoresho byo mu gikoni n'ibyo gutaka. UGA nayo yafashije abita k'ubuhinzi, abakora imigati, ababumba amategura, aborora, ababoha, abadoda n'abataka, bamwe yabagulije amafranga y'intango, abandi ibafasha gucuruza umusaruro wabo.

3. Inama n'amahugurwa byakozwe

a) Kugirango programu yo kujijura urubyiruko irusheho kugenda neza no kugera ku bikorwa bigaragara, Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino yakoresheje inama y'Abayobozi b'urubyiruko muli za Prefegitura na suprefegitura, i KAVUMU muli Komini NYABISINDU, kuva ku italiki ya 2 kugeza ku ya 4 mutarama 1981. Mubyo iyo nama yasuzumye halimo gushaka uburyo bwiza bwatuma inyigisho zitangwa mu bigo by'urubyiruko zatuma umusaruro warushaho kwiyongera, n'imikorere myiza yatuma abo bayobozi b'urubyiruko b'inzego zose barushaho gutunganya imilimo bashinzwe.

.../...

b

b) Ministeri nanone yahuguye Abayobozi b'Urubyiruko, Abayobozi b'ibigo by'urubyiruko n'Abigisha, kuva mu kwezi kwa Mutarama kugera mu kwezi k'ukuboza 1981 (recyclage). Bamwe muli abo bakozi boherejwe kwihugulira mu Bufransa mu gihe cy'amezi ane muli uwo mwaka.

c) Kuva mu kwezi kwa Werurwe kugeza mu Kuboza muli 1982, abasore n'inkumi bategulirwa kuzayobora Urubyiruko muli za Suprefegitura n'ibigo by'Urubyiruko bahawe inyigisho ku buryo burambuye zituma bazarushaho kuba abakozi bajijukiwe kandi babishoboye k'uburyo bwose. Izo nyigisho zatangiwe i KAVUMU muli Komini NYABISINDU.

d) Mu nama zahuje amashyirahamwe y'urubyiruko rwo muli Prefegitura ya KIBUNGO, KIBUYE na GIKONGORO, mu kwezi kwa 8 hizwe ibibazo n'ingorane urubyiruko ruhura nazo, bagirwa inama y'ukuntu bakora bakongera umusaruro.

e) Abahagaraliye Urubyiruko mu Rwanda hose kuva ku italiki ya 25 kugeza kuya 27/11/1982, bakoze inama biga programu n'amasomo akwiye gutangwa mubigo, programu nshya yo kwigisha no gukangura urubyiruko mu mwaka wahaliwe Urubyiruko ku isi hose. Iyo nama (séminaire) yafashe imyanzuro ikubiyemo amabwiliza azakulikizwa.

4. <u>Amashyirahamwe y'Urubyiruko</u>

a.- Gushyigikira no gutunganya imigendekere ya za Koperative.

Mu buryo Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino yabonye bwatuma urubyiruko rurashaho kujya mbere ku giti cyarwo rukigilira akamaro kandi rukakagilira n'Igihugu halimo kurubumbira mu mashyirahamwe (pré-coopératives y'ubuhinzi n'ubworozi n'ay'ubukolikoli (artisanat).
Nyamara aliko ubwo buryo bwaje guhura n'ingorane zitali nke zituma amashyirahamwe yali ageze kuli 1761 muli 1976 arasubuka hasigara gusa 1047 muli 1981 halimo aya Prefegitura ya GIKONGORO atanamenyekanye neza.

Muli izo mpamvu, twavuga nk'izi zikulikira :

- Ba "Encadreurs de la Jeunesse" batajijukiwe cyane bayobora Urubyiruko muli Komini.
- Kubura imfashanyo y'ibikoresho (amasambu make).
- Urwunguko ruke rutewe no kubura aho umusaruro wagulishilizwa.

b. <u>Umuti watanzwe</u>

Mu nama yabaye kuva ku italiki ya 2 kugeza ku ya 4/01/1981 y'Abayobozi b'Urubyiruko muli Prefegitura no muli Suprefegitura, hemejwe ko uburyo busanzwe bwo kubumbira urubyiruko mu mashyirahamwe butarekwa, ahubwo ko ingorane zabonetse zikwiye kurwanywa.

.../...

Umuti wazo wabonetse ni uyu :

- Ibigo byigisha urubyiruko ntibigomba gusa kwita ku mubare muto w'abana bimarana imyaka ibili cyangwa itatu, ahubwo bigomba no kuba amahuliro yo kwihugura ya benshi bibumbiye mu mashyirahamwe mu byo asanzwe akora.
- Ministeri yakoze uko ishoboye kugira ngo itere inkunga mashyirahamwe muli buli Prefegitura yafashe amashyirahamwe "cibles" aliyo ntanga rugero.
- Ayo mashyirahamwe ali muli chantiers des jeunes. Abatekenisiye ba Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino barayasuye kugirango bayagire inama kandi bayafashe kurwanya ingorane.
- Ministeri yafashije za groupements zo mu RUHENGERI zali zifite umusaruro munini w'ibirayi kubigulisha.
- Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino, ifashijwe na Ofisi y'Igihugu ishinzwe Itangaza-makuru yongeye kuvugurura ikiganiro cy'Urubyiruko kinyura muli Radio y'Igihugu kuwa kane wa buli cyumweru, kikaba kigamije gukangura urubyiruko mu bikorwa byo kuruteza imbere ku giti cyarwo no gufatanya n'imbaga y'abanyarwanda mu kuzamura amajyambere y'Igihugu.

=-=-=-=-=

II. Mu rwego rw'Imikino.

Mu myaka ibili ishize, Kongre irangije imilimo yayo, Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino yihatiye kuzuza imigambi ikubiye muli Diskuru Programu ya Prezida wa Republika yo kw'italiki ya 1 kanama 1973, ubwo yayishingaga, n'iyo kuwa 8 mutarama 1979, ubwo yagiraga ati : "Iyo Ministeri izajya yita no ku nyigisho z'imyitozo y'ingorora-mubili; izo nyigisho kandi, tubyibutse, ntizigomba kuba umwihaliko wa bamwe mu Banyarwanda, ahubwo zigomba gutangilira muli Selile no muli za Segiteri za Komini". Yibukije ko Manifeste itubwira ko Muvoma ishaka ko "Imikino yakwitabwaho na za sporo zigasesekara mu makomini yose y'Igihugu. Ntibiterwe kandi gusa no kugira ngo abantu baruhuke iminaniro y'ibyo bakoze, ali iby'ubwenge, ali iby'imilimo isanzwe, ahubwo ali ukugira ngo biyumvishe ubuvandimwe, abantu bashyikirane kandi batume imyifatire yabo yubahwa kandi bitume bose bakanguka".

Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino igomba kandi igerageza kubahiliza izo ntego ikwirakwiza imikino muli rubanda nyamwinshi. Ntawakwirengagiza alikoko izitirwa n'umutungo muke uyigenerwa buli mwaka. Ibikorwa Ministeri yagezeho muli iyi myaka ibili ishize bishingiye ku mahame akulikira :

- Kogeza no gucengeza Imikino muli rubanda nyamwinshi
- Imikino mu mashuli, mu bigo by'abasilikare no mu matorero (Clubs)
- Kwigisha no guhugura abayobozi n'abalimu b'imikino
- Kwubaka ibibuga.

1. Abayobozi b'Urubyiruko n'Imikino.

Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino ifatanije n'izindi nzego z'ubutegetsi, ali ubwa Prefegitura ali n'ubwa Komini yakwije kandi yagejeje kuli rubanda nyamwinshi imikino. Muli izo nzego zombi, yashyize ho abayobozi b'urubyiruko n'imikino mu gihugu cyose.

2. Ibibuga by'imikino.

Ministeri ifasha kandi igashyigikira ibikorwa bya buli wese bigamije guteza imbere imikino. Itera inkunga buli gihe abafite imishinga yo kwubaka ibibuga, ikabohereza impuguke cyangwa ikabagira inama, ibaha n'imfashanyo z'ibikoresho byo kwubakisha. Mu rwego rwa Prefegitura, Ministeri yafashije BUTARE na GISENYI kuzuza stades nziza, zoroheje kandi zihuje n'amategeko, i CYANGUGU no mu RUHENGERI nabo barubaka, n'umushinga

wo kwubaka stade y'i BYUMBA witaweho.
Imilimo yo gutunganya stade ya NYAMIRAMBO i KIGALI ili hafi kurangira. Andi ma Prefegitura nayo azakulikiraho buhoro buhoro. Umushinga wo kwubaka stade nasiyonali i REMERA muli RUBUNGO i KIGALI, tubifashijwemo na Leta Iharanira Rubanda y'Ubushinwa waranonosowe, dutegereje ko ushyirwa mu bikorwa.

Ntawabura kwishimira ibibuga byubatswe cyangwa byasanwe mu rwego rw'amakomini hakoreshejwe umuganda w'abaturage. Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino isanga aliyo nzira igomba gukulikizwa kugirango imikino izashobore gusakara hose. Mu rwego rwa Komini na Prefegitura ibibuga bigomba kwubakwa n'umuganda n'imkunga z'abagiraneza cyane cyane bahatuye. Naho mu rwego rw'Igihugu, Leta izitabaza bije y'amajyambere n'imfashanyo z'Ibihugu by'inshuti. Bityo ubwiyongere bw'ibibuga by'imikino y'ubwoko bwose, byubatse k'uburyo buhuje n'amategeko bizafasha Ministeri kugeza kuli benshi, ihereye ku ma selile na za Segiteri intego yashinzwe na Leta.

3. Imfashanyo ya Ministeri mu bikoresho by'imikino.

Kugira ngo imikino isakare hose Ministeri yagerageje gufa... hilya no hino muli Komini, muli Cellule spécialisée, mu mashuli, mu ma Clubs no mu Ngabo z'u Rwanda.

Dore uko byatanzwe :

| | Ballons | | | Chaussures | | Maillots | | | Bas | Mat. Athl. | | | Training | Filet V.B. |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | FB | VB | BB | God. | Pant. | Sp. | Chem. | Cul. | | Jav. | Dis. | P | | |
| Komini | 101 | 47 | 55 | - | - | - | 1072 | 1036 | 16 | 2 | - | - | - | 3 |
| 2. Cellules spécialisées | 30 | 22 | 5 | 42 | 85 | 1 | 560 | 570 | 134 | - | - | - | 1 | 4 |
| 3. Ecoles (Equipes Sc. comprises) | 24 | 29 | 56 | - | 15 | - | 536 | 536 | 68 | 1 | 1 | 1 | - | 3 |
| 4. Clubs (Equipes Sc. non comprises) | 54 | - | 4 | 393 | 23 | - | 732 | 698 | 337 | - | - | - | 11 | - |
| 5. Unités Militaires | 23 | 20 | 16 | 23 | - | 14 | 237 | 186 | 16 | - | 3 | - | - | 4 |

4. Amarushanwa mu rwego rwa Komini.

a) Umupira w'amaguru n'uw'intoki.

Buli mwaka, Abayobozi b'Urubyiruko n'Imikino muli Prefegitura, bakoresha irushanwa ry'umupira w'amaguru lihuza amakipi y'amakomini muli buli Prefegitura. Kuva mu mwaka w'1981, iryo rushanwa ntiryashoboye kuba mu ma Prefegitura yose, ayalitangiye nayo ntiyalirangije yose kubera

.../...

amafranga yabaye make bitewe cyane cyane n'isaranganya rya Bije muli Komini mu gihe cy'ubwubatsi bw'ivugurura ry'Amashuli. Prefegitura ya GITARAMA niyo yashoboye kurangiza iryo rushanwa mu w'1981. Mu w'1982, Prefegitura ya BUTARE nayo yashoboye kulirangiza.

Amarushanwa mu mikino y'intoki (Volleyball na Basketball) ntaratangira mu rwego rwa Prefegitura. Amakipi muli iyo mikino avutse vuba kandi ntarakomera, akabangamirwa n'ibikoresho biba bike.

b) Imikino ngorora-mubili (athlétisme).

Imikino ngorora-mubili imaze gutera imbere mu makomini kandi yitabiliwe na benshi. Mu mwaka w'1981, habaye amarushanwa muli Prefegitura ya RUHENGERI. Mu ntara y'u BUKONYA abahungu n'abakobwa bagiye muli iryo rushanwa bali baturutse muli Komini CYABINGO na NDUSU; mu BUBERUKA haje aba Komini BUTARO, NYAMUGALI, NYARUTOVU na CYERU; mu MURERA n'u BUHOMA abarushanwa ni aba Komini NKUMBA, MUKINGO, KINIGI, NKULI na KIDAHO.

Muli Suprefegitura ya RWAMAGANA irushanwa ryabaye hagati y'abahungu n'abakobwa ba Komini RUKARA, RUTONDE, KAYONZA na MUHAZI.

Suprefegitura ya NYAMATA yahuye na Suprefegitura ya RUSHASHI; ilindi rushanwa ryabaye muli Suprefegitura ya KIYUMBA, lihuza abaturutse muli Komini KAYENZI, RUTOBWE na NYAKABANDA.

Mu mwaka w'1982, amarushanwa mu mikino ngorora-mubili yarakomeje. Prefegitura ya RUHENGERI yakoresheje irushanwa ryahuje Komini NKULI, NKUMBA, MUKINGO, GATONDE, BUTARO, KIYOMBE, KIDAHO, KINIGI na NDUSU.

Komini y'Umujyi wa KIGALI yakoresheje irushanwa ryo gusiganwa ku maguru ibilometero makumyabili igihe twibukaga imyaka makumyabili u Rwanda rumaze rwigenga. Iryo rushanwa ryahuruje abantu benshi, lihuza abakinnyi ijana na mirongo inani (180 athlètes). Suprefegitura ya KIYUMBA yakoresheje ubwa gatatu irushanwa ngorora-mubili lihuza buli mwaka abasore n'inkumi ba Komini RUTOBWE, NYABIKENKE, KAYENZI na NYAKABANDA.

c. Gusiganwa ku magare.

Prefegitura ya RUHENGERI na Komini y'Umujyi wa BUTARE byagize umwihaliko wo gukoresha amarushanwa yo gusiganwa ku magare. Ibyo babifashijwemo na Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino n'Abagiraneza batanze ibihembo.

d. Irushanwa mu gihugu no mu mahanga.

Amakipi y'amashuli, abasilikare na Club niyo ahura mu rwego rw'irushanwa ry'Igihugu liba buli mwaka mu mupira w'amaguru no mu mipira y'intoki (Basketball na Volleyball) kandi limwe na limwe akaba aliyo aduhagaralira mu marushanwa mpuza-mahanga.

.../...

e. Umupira w'amaguru.

Mu mwaka w'1981, umupira w'amaguru wahuje mu rwego rwa Shampiyona Nasiyonali amakipi 8 yo mu cyiciro cya mbere, makipi 9 yo mu cyiciro cya kabili n'icyenda mu cyiciro cya gatatu. Uretse Prefegitura ya KIBUYE, GIKONGORO na GITARAMA, izindi zise zifite amakipi azihagaraliye muli urwo rwego. Mu rwego rwa za tournois, Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino yakoresheje irushanwa rya Pentekosti lihuza amakipi ane yatsindiye ibikombe; irushanwa ryitiliwe Padri Fraipont NDAGIJIMANA, amafranga yavuyemo yafashishijwe Abamugaye, twibutse ko lihuza buli mwaka amakipi 8 ya mbere muli Shampiyona. Amakipi y'abana y'umupira w'amaguru yavutse mu w'1980, atangilira mu mijyi ya KIGALI na BUTARE yafashe imijyi ya BYUMBA na GITARAMA. Mu rwego mpuza-mahanga, ikipe y'Igihugu cyacu yinjiye bwa mbere mw'irusjanwa rya 13 ry'igikombe cy'Afrika, ikina n'ikipe y'Igihugu cya Etiyopiya kw'italiki ya 26 Mata mu murwa mukuru w'icyo gihugu Addis Abeba; ayo makipi yongeye guhulira i KIGALI kw'italiki ya 10 Gicurasi 1982. Abatuye ibyo bihugu barushijeho kumenyana. Ubwo yiteguraga irushanwa rya gicuti, litabaye ryagombaga guhuza amakipi y'Ibihugu bigize Umuryango w'Ubukungu w'Ibihugu bituliye ibiyaga binini (C.E.P.G.L.) igihe cy'inama yali iteganijwe ku GISENYI kw'italiki ya 5 n'iya 6 Ukuboza 1981, ikipe yacu y'Igihugu y'umupira w'amaguru yahuye n'ikipi ya MBARARA yo muli UGANDA.

Muli uyu mwaka w'1982, ayo marushanwa yo mu mupira w'amaguru yarakomeje, yanarushijeho kwamamara mu gihugu kubera umurego watewe n'ivugururа rya Komite Nyobozi y'Umupira w'amaguru mu RWANDA. Byongeye kandi inyota buli kipi ifite yo kuba yahagaralira Igihugu cyacu mu mikino mpuza-mahanga mu minsi ili imbere.

Mu irushanwa lisanzwe rya Shampiyona Nasiyonali ligikomeza, icyiciro cya mbere kigizwe n'amakipi 9, icya kabili n'icya gatatu bigizwe kimwe n'amakipi 7. Tournois zemejwe mu gihugu : Pentekosti n'iryitiliwe Prezida HABYARIMANA Yuvenali zarabaye. Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino ifatanije n'ibindi bigo bya Leta ikora uko ishoboye kugirango iyo mikino ishimishe abayikina, abayireba n'abandi bayumvira ku maradiyo yabo. Ni nayo mpamvu ikora uko ishoboye kugira ngo iyo mipira ibere ku bibuga binyuranye, al'ukwanga ko yarebwa n'abantu bamwe gusa. Ku italiki ya 14 na 28 Gashyantare 1982, ikipi Rayon Sports yahagaraliye u RWANDA mu irushanwa rya 18 ry'igikombe cy'Afrika cyahaliwe amakipi yarushije ayandi muli shampiyona ya buli gihugu; ikina na VITAL'O y'i BURUNDI inshuro ebyili ku ma taliki yavuzwe karuguru. Ikipi ya MUKURA VICTORY SPORTS nayo yagiye mu irushanwa rya 8 ry'igikombe cy'Afrika kigenewe amakipi yatsindiye igikombe muli buli gihugu kili mu muryango mpuza-mahanga w'umupira w'amaguru muli Afrika. yongera gukinira ARUSHA muli TANZANIYA i KIGALI ku italiki ya 3 Mata 1982, Ikipi y'Igihugu y'Umupira w'amaguru imaze kwitegura irushanwa ry'igikombe cy'Ibihugu bigize Umuryango w'Ubukungu bw'Ibihugu bituliye

.../...

ibiyaga binini, ryagombaga kubera i BUJUMBURA kuli 27 na 29 kanama 1982 ntiribe kuko ikipi ya Zaïre itaje, yakinnye umupira wa gicuti n'ikipi y'u BURUNDI. Nyuma yagiye mw'irushanwa rya 14 ry'igikombe cy'Afrika, ihura n'ikipe ya SOMALIYA, i MOGADISCIO kw'italiki ya 17 nzeli uyu mwaka. Umukino wagombaga guhuza ayo makipi i KIGALI kw'italiki ya 3 ukwakira ntiwabaye kuko ikipe ya SOMALIYA yikuye muli iryo rushanwa. Ubu iyo kipe yacu yiteguye guhura n'imwe mu makipe akomeye aliyo ya TUNIZIYA, ikaba yarahagaraliye umugabane w'Afrika mw'irushanwa ry'igikombe cy'isi yose ryabaye mu w'1978. Uwo mukino uzatuma u Rwanda rurushaho kumenyekana.

5. Imikino muli za Cellules Spécialisées

Mu rwego rw'animasiyo y'amaselile ya za Ministeri, y'Ibigo byigenga bya Leta, Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino yakoresheje ubwa mbere irushanwa ry'umupira w'amaguru. Amaselire 18 y'i KIGALI yagiye muli iryo rushanwa ryabaye hagati y'italiki ya 20 gashyantare n'iya 18 werurwe 1982. Iyo Ministeri kandi ifatanije na Ministeri y'Ubuhinzi n'Ubworozi yakoresheje irushanwa ry'amaselire 8 (yabaye aya mbere muli gashyantare) igihe bibukaga umunsi w'ibilibwa kw'isi (journée mondiale de l'alimentation) kw'italiki ya 16 ukwakira 1982.
Hirya no hino mu gihugu, amaselile y'aba aya za Ministeri, ibigo bya Leta cyangwa se amaselile yihaliye, usanga ba Militantes na ba Militants bamaze gucengerwamo n'akamaro k'imikino k'uburyo buli selile ifite umunsi mu cyumweru wo gukina.
Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino yabateye inkunga ibaha ibikoresho by'ingenzi nk'imipira y'umupira w'amaguru, y'intoki, inkweto, za filets za volleyball, limwe na limwe n'utwenda two gusohokana, n'ibindi...

6. Imikino y'intoki (V.B., B.B.).

Shampiyona y'umupira w'intoki wa basketball yahuje, mu mwaka w'1981, amakipe 32, muli yo 20 yali ay'amashuli, 6 y'abasilikare, 4 ali aya za Komini, 2 ali ay'amatorero yihaliye (clubs). Amakipe y'abahungu yali 24, ay'abakobwa ali 8. Uretse Prefegitura ya CYANGUGU, GIKONGORO na KIBUYE, izindi Prefegitura zali zifite amakipe azihagaraliye muli iryo rushanwa; Prefegitura ya KIGALI na BUTARE aliko nizo ziganje, zihaliye amakipe 19 zose hamwe.

Shampiyona ya volleyball yagiyemo amakipe 22, muli yo 16 yali ay'amashuli, 3 ali ay'abasilikare, 3 ali ay'amatorero asanzwe. GIKONGORO, CYANGUGU, KIBUYE na GISENYI nta makipe muli iyo mikino y'intoki (BB na VB). Iniversite Nasiyonali y'u Rwanda yahuye n'iy'u BURUNDI, iya MAKERERE muli UGANDA, n'ishuli likuru ry'inderabarezi ry'i BUKAVU muli Zaïre. Yagiranye kandi irushanwa n'ayo mashuli mu mukino w'amaguru.

.../...

Amarushanwa mu mikino ngorora-mubili yabaye muli uyu mwaka mu rwego rw'amakomini, yateguraga shampiyona ya kabili yahuje abakinnyi 200 baturutse mu ma Prefegitura yose y'Igihugu kw'italiki 19 na 20 ukuboza 1982.

8. Imikino nyarwanda ya kera.

Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino ntiyibagiwe kubyutsa no guteza imbere imikino nyarwanda ya kera. Yibukije kandi yahaye amabwiliza abayobozi b'Urubyiruko muli Prefegitura no mu ma Komini ko bagomba kwita ku mikino yacu yo hambere. Mbere y'uko amategeko rusange agenga iyo mikino yose ajya ahagaragara, imijyi ya KIGALI, BUTARE, KIBUYE, CYANGUGU, RUHENGERI na BYUMBA yakoresheje irushanwa ry'igisoro mu mwaka w'1981.

9. Imikino ngorora-ngingo.

Kuva kw'italiki ya 6 kugeza kuya 7 ugushyingo 1982 habereye i KIGALI irushanwa rya mbere ry'umukino ngorora-ngingo (Gymnastique sportive) ryahuje abasore n'inkumi baturutse mu mpande nyinshi z'Igihugu. Ministeri yiyemeje gufasha Urubyiruko rwishyize hamwe rukora iyo myitozo muli Club RAFIKI kugirango habere intango abandi bashaka kubikora.

10. Umukino wa Tennis.

Umukino wa Tennis utali usanzwe wakorewe irushanwa rya mbere mu Rwanda.hagati y'italiki ya 21 n'iya 22 ugushyingo 1981. Hiyandikishije abakinnyi 50 biganjemo abanyarwanda. Aba mbere batatu b'iryo rushanwa ni abanyarwanda.

11. Guhugura abakozi n'abayobozi b'imikino.

Ku byerekeye guhugura abakozi n'abayobozi b'imikino, Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino izi neza ko aliyo ntango ituma imikino itera imbere. Buli mwaka, ikora uko ishoboye, cyane cyane yisunze imiryango mpuza-mahanga n'Ibihugu by'inshuti, kugirango yubahilize icyo gikorwa cy'imena. Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino ifatanije na Ministeri y'Ububanyi n'Amahanga yohereza intumwa mu nama zigamije guhugura cyangwa gutegura mu rwego rw'Afrika n'urw'isi yose programu z'imikino.
Kujya muli izo nama byongerera Igihugu cyacu ishema, bigatuma kinarushaho kumenyekana. Muli urwo rwego Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino yakoze ibi bikulikira :

- Yohereje intumwa mw'ihugurwa ry'abayobozi b'imikino ngorora-mubili b'Afrika, Amerika yepfo na Caraïbes, yabereye i Roma kuva kw'italiki ya 29 kugeza ku ya 31 kanama 1981. Mbere y'inama ya 23 y'Umuryango mpuza-mahanga y'Imikino ngorora-mubili kw'isi yabereye i Roma kw'italiki ya mbere n'iya kabili nzeli 1981.

.../...

- Yohereje intumwa i KINSHASA muli Zaïre mu nama yagombaga guhuza impuguke mu mikino z'Ibihugu bigize umuryango w'ubukungu w'Ibihugu bituliye ibiyaga binini (CEPGL). Iyo nama ntiyabaye kuko intumwa z'u Burundi zitagiyeyo.
- Yohereje abayihagaralira mu nama yali igenewe kwiga uburyo bwo gukwiza imikino muli rubanda nyamwinshi, yateguliwe ABIDJAN muli Côte d'Ivoire kuva kw'italiki ya 16 kugeza kuli 23 gashyantare 1981 yemejwe n'inama y'aba Ministri b'Urubyiruko n'Imikino b'Ibihugu bivuga igifransa(CONFEJES).
- Yakoresheje i KIGALI, inama y'abanditsi b'amagazeti y'imikino kuva kw'italiki ya 23 kugeza kuya 28 gashyantare 1981. Abayobozi b'Urubyiruko n'Imikino muli Prefegitura nabo bali muli iyo nama.
- Yigishije abasifuzi b'imipira y'intoki (Basketball na Volleyball) mirongo ine n'abatatu (43) mu gihe cy'ibyumweru bibili, kuva kw'italiki ya 13 kugeza kuya 27 nyakanga 1981. Umuryango w'Abibumbye ushinzwe uburezi, uburezi n'umuco waduhaye amafranga yo gukoresha uwo mushinga.
- Yigishije mu gihe gito abashinzwe kwamamaza imikino y'amoko yose mu kwezi kwa munani 1981. Abize bali bageze kuli mirongo itandatu.
- Yohereje bamwe mu batoza amakipe yacu y'umupira w'amaguru mw'ihugurwa likuru ryabereye i YAOUNDE muli Kameruni kuva kw'italiki ya 31 kanama kugeza kuya 12 nzeli 1981. Ryali ryateguwe n'Umuryango mpuza-mahanga w'umupira w'amaguru kw'isi ufatanije n'uruganda rwa Coca-Cola.
- Yohereje umuntu kwihugura mu byerekeye amagare mu Budage bw'Uburasirazuba (RDA) muli 1982.
- Yohereje undi kwihugura mu byerekeye amategeko agenga imikino ngororamubili i Roma kuva kw'italiki ya 30 kanama kugeza ku 4 nzeli 1982.
- Yohereje abantu gukulikirana ihugurwa ry'abalimu b'imikino y'intoki (Volleyball) muli ANGOLA n'iry'abalimu ba Basketball i BANGUI muli Centrafrika mu kwezi kwa kane 1982. Iryo hugurwa ryateguwe n'akarere ka kane k'Afrika (Zone IV du CSSA).
- Yakoresheje inyigisho zigenewe gukangura abayobozi b'imikino. Izo nyigisho zatangiwe i KIGALI mu kwezi kwa gatanu k'uyu mwaka.
- Yakoresheje ihugurwa ry'abalimu b'umupira w'amaguru i NYABISINDU muli kamena 1982.
- Yohereje abasifuzi b'umupira w'amaguru kuyobora imipira yabereye i Mogadiscio n'i Kampara mu rwego rw'amarushanwa mpuza-mahanga y'Afrika.

=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=

...  ...

Umuco n'Imyidagaduro

Mu byerekeye imico n'imyidagaduro, tubanze twibutse intego Ministeri ishinzwe kugeraho :

- Gutunganya no guteza imbere imyidagaduro
- Guteza imbere umuco w'Abanyarwanda n'imikino iwushingiyeho
- Gutunganya imikino igihe cy'iminsi mikuru ya Leta
- Kurema no kuyobora amatorero y'abakinnyi y'igihugu ashingiye ku muco nyarwanda.
- Gutera inkunga amatorero y'abakinnyi ya za Prefegitura na za Komine ashingiye ku muco Nyarwanda
- Kwigisha urubyiruko imikino ishingiye ku muco nyarwanda.
- Gutunganya no guteza imbere amashyirahamwe ashingiye ku muco kandi agamije imyidagaduro.

1. UMUCO-NYARWANDA

Bimwe mubyo twashoboye kugeraho muli icyo kiciro nyuma ya Kongre iherutse ya Muvoma Revolisiyoneri iharanira amajyambere y'u Rwanda ni ibi :

a. Mu mwaka 1981

- Service ishinzwe amatorero y'Igihugu yakomeje umulimo wo gutoza no kwigisha ayo amatorero.

  Niyo mpamvu Itorero ry'igihugu lyitwa URUKEREREZA lyatojwe mu kwakira 1981 lyitegura guhimbaza igitaramo ku Gisenyi igihe cy'inama yagombaga kuhabera mu kwezi kw'Ugushyingo 1981 (C.E.P.G.L.).

  Itorero URUKEREREZA lyahimbaje ibitaramo i BUTARE, i NYABISINDU, I GITARAMA i BYUMBA n'i KIGALI.

- Twanavuga kandi ilindi torero likomeye mu Rwanda lyigenga lyo mu kigo cya I.N.R.S. i Butare. Iryo torero lifatanije na Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino lyahimbaje ibitaramo hano i Kigali cyane cyane mu gihe cy'iminsi mikuru y'uwagatanu Nyakanga.

- Abayobozi b'Urubyiruko n'Imikino muli za Prefegitura kandi batugejejeho ibyo bagezeho mu mwaka w'1981. Dusanga baragerageje guteza imbere imikino ishingiye ku muco karande mu rubyiruko cyane cyane.

b. Muli uyu mwaka 1982

- Itorero ly'igihugu limaze kwitoza lyahimbaje ibitaramo aha hakulikira:
- Ku Gisenyi muli C.E.C.F.R. igihe k'iyakira rya Prezida KAUNDA
- i Kigali kw'italiki ya mbere Nyakanga.
- Iryo torero kandi lyakiniye Secreteri Jenerali wa UPRONA, hanyuma linahimbaza ibitaramo i Nyabisindu, i Gitarama,i Kigali n'i Rwamagana lyiyereka abantu bashakaga kulirora.

.../...

c. Itorero ly'Amasimbi n'Amakombe ryo muli I.N.R.S.

- Iryo torero naryo lifatanije na Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino ryahimbaje ibitaramo byinshi mu Rwanda kandi linahimba indilimbo nyinshi zili mu byateje imbere umuco w'Igihugu cyacu.

d. Amatorero ya za Communes

Mu Rwanda hirya no hino amatorero ya za Communes na za Prefegitura yakomeje guteza imbere umuco no guhimba imikino ituma abaturage bidagadura. Nkuko bigaragara muli iyi Bilan, mu mpapuro zikulikira, Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino yagerageje gukulikirana ayo matorero no kuyatera inkunga.

2. Ibyerekeye kwerekana amatorero y'imikino nyarwanda mu mahanga

Muli iyi myaka ibili ishize Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino yakunze kubona intumwa zitumira itorero ry'Igihugu (Ballet National) cyangwa Itorero ryo muli I.N.R.S. (Amasimbi n'Amakombe). Uretse amasimbi n'amakombe bagiye kwiyereka muli les Pays du Golfe, Ballet National ntiyashoboye kugira aho ijya bitewe no kubura amafaranga y'indege cyakora hali ibihugu nka URSS n'Ubushinwa bemeye kuzadufasha muli 1983 ballet national igashobora kujya muli ibyo bihugu.

Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino yagiye ifata runini mubyerekeye gutegura ibiroli by'iminsi mikuru ndetse no kwakira no gutaramira abashyitsi b'imena basuye i Gihugu cyacu.

3. Mu byerekeye Imyidagaduro (Loisirs)

a. ISHYIRAHAMWE LY'ABAHIMBYI

Babifashijwemo na Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino, abanyamuryango ba A.M.R. "Association des Musiciens du Rwanda" bahawe ubuzima-gatozi kuwa 2 Gashyantare 1982.

Uwo mulyango ufite intebe yawo i Kigali kandi ugamije guteza imbere indilimbo nyarwanda ali izakera ali izubu no guharanira icyateza imbere inyungu y'abalilimbyi b'abanyarwanda

b. IRUSHANWA LY'ABALILIMBYI

Kubera urwibutso rw'abalilimbyi b'umuziki b'abanyarwanda, hashyizweho (kuva mu Ugushyingo 1981) mu Rwanda irushanwa lyitiliwe SEBATUNZI, akaba umwe mub'imena.

Ilyo rushanwa lyateganilijwe gushyigikira no gutera inkunga abalilimbyi b'umuziki b'abanyarwanda kugirango umwuga wabo utere imbere ali mu mateka y'u Rwanda, ibisigo, indilimbo n'imbyino gakondo cyangwa izo mu gihe tugezemo. Ilyo rushanwa kandi lyagenewe gusigasira no kwongera ibyiza bigize umuco kamere w'abanyarwanda.

.../...

Amategekoragenga ilyo rushanwa yagejejwe ku bahimbyi bose b'abanyarwanda kugirango uguhimba kutaba umwihaliko wa bamwe basanzwe bazwi batuye mu migi. Abahimbyi n'balilimbyi bahimba baherey: kunteruro bashatse keretse iyo Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino ibahaye interuro bagomba gukulikiza.

c. UBURENGANZIRA BW'ABAHIMBYI

Kubera kurengera abanyacukolikoli mubikorwa byerekeye guhimba n'imyuga byabo, Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino yunganiye Ministeri y' Makuru n'Ubushakashatsi mu by Ubuhanga mw'itegura ly'itegeko lyo kubahiliza kwishyira ukizana / mu guhimba n'uburenganzira (Bureau du droit d'auteur) bwa buli muhanga muli uwo mwuga.

Nyamara hali byinshi mu muco bititaweho kuko akanama kagogomba kumenya imibereho, imico y'Abanyarwanda n'umuco w igihugu (Académie Rwandaise de Culture) kataratanga amabwiliza kuli za Ministeri zishinzwe umuco-nyarwanda, / guhesha ~~agaciro~~ no gushyigikira ibikorwa byerekeye umuco mubyo guhimba indilimbo, kubyina n'ibindi.

4. ANIMASIYO

Selire ya Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino kimwe n'izindi zose zakangukiye animasiyo. Kenshi, indilimbo n'imbyino zihimbwa zibanda k'ukwamamaza amatwara ya Muvoma (M.R.N.D.) cyangwa ku migambi ya Leta Prezida wa Repubulika atangaza buli mwaka.

Kugirango animasiyo icengere muli za selire, segiteri na za Prefegitura zose, Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino ifatanije na Prezidansi ya Muvoma na Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, yateguye ingingo (Fond, Rytme, Mélodie, Forme, originalité et Durée) esheshatu zikubiyemo amagambo avugwa mw'irushanwa ly'indilimbo zililimbwa no mu mbyino zibyinwa zerekeye animasiyo. Izo ngingo nizo zakulikijwe mw'irushanwa lya animasiyo lyabaye mu mwaka w'1980 na 1981. Ministeri yagiye ifasha amatorero amwe n'amwe itanga imyambaro y'ababyinnyi n'intore. Ndetse abakozi ba Ministeri bagiye gusura no kwigisha ballet za Commune muli Byumba, Kibungo, Ruhengeri, Cyangugu, Kibuye na Butare.

5. UBUTWERERANE MU BY'UMUCO N'UBUHANGA

Abahimbyi n'abahanzi b'abanyamahanga ba e gukinira mu Rwanda kugiti cyabo cyangwa boherejwe n'ibihugu byabo :

| | |
|---|---|
| * Kamena 1981 | : Abakinnyi b'abarusiya |
| * Kanama-Nzeli 1981 | : Abalilimbyi b'Abaganda " The Tames" |
| * Nzeli 1981 | : Abakinnyi bo muli Zambiya (Chimou watt" |
| * Ukwakira 1981 | : Abakinnyi b'Abaganda "Théatre Africain" |
| * Mutarama 1982 | : Abakinnyi bo muli Zaïre (Tam FUN) |
| * Gashyantare 1982 | : Abakinnyi bo muli Zaïre(MUTETA KIPANDO) |

.../...

* ...
* Gicurasi 1982 : Abakinnyi bo muli Zaïre (MUKEBA NTITI)
* Gicurasi-KAMENA 1982 : Abakinnyi bo muli Zaïre(KASONGO-TSHANKA)
* Nyakanga 1982 : Abakinnyi b'abashinwa
* Nyakanga -Kanama 1982 : Abakinnyi b'abarusiya
* Nzeli 1982 : Abakinnyi bo muli Zaïre (Vocal The Way)
* Ugushyingo 1982 : URIENDENDRING (Association culturelle Belge)

Bamwe muli abo bakinnyi berekanye ubuhanga bwabo i Kigali, Butare, Gisenyi, Cyangugu, Nyabisindu, Gitarama, Rwamagana, Ruhengeri na Byumba. Aho hose bagiye baherekana imikino myinshi y'ingororamubili, (Abashinwa) n'iyo kwizihiza ibitaramo kimwe n'iy'imico y'ibihugu byabo.

Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino ntiyashoboye guteganya iyo mikino mu turere twinshi tw'u Rwanda bitewe nuko ntamazu ahali ashobora kwerekanirwamo ubukolikoli cyangwa yateganilijwe gukorerwamo ibitaramo n'imyidagaduro.

Nta balilimbyi cyangwa abahanzi b'Abanyarwanda bagiye mu mahanga muli iyi myaka ibili ishize (1981-1982). Ngirango byatewe n'ubukene bw'abahimbyi bacu n'ubw'i Gihugu cyacu!

Kuko Muvoma yacu yemera ko abantu bose bangana kandi bakenerana mu mico-karande yabo, nicyo cyatumye imikino y'urusobe "Mouvement d'Ensemble" imaze gukinwa kenshi mu Rwanda. Iyo mikino iheruka gukinwa mw'isabukuru y'imyaka makumyabili y'ubwigenge bwacu kuwa 1/07/1982.

Ministeri iliga ukuntu iyo mikino yakwizwa mu bulyo bworoshya mutundi turere tw'u Rwanda

d. <u>Mu byerekeye ihugurwa ry'abakozi n'igurwa ry'ibikoresho</u>

a) <u>Staje ya CONFEJES</u>

Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino yohereje intumwa yayo muli sitaje ya CONFEJES mu byerekeye ubukolikoli bw'animasiyo bwifashisha ibyuma bifata amajwi kandi bikerekana n'amafoto.

Iyo Sitaje yabereye mu Bubiligi kuva ku italiki ya 8 kugeza kuya 18 Nzeli 1981, ikaba ali umwe mu mishinga yemejwe n'Inama ya ba Ministri b'Urubyiruko n'Imikino b'ibihugu bivugwamo igifaransa igihe iteraniye i Liège mu cyiciro cyayo cya cumi na limwe kuva kuwa 13 kugeza kuwa 17 Ukwakira 1980.

b) <u>Sitaje y'animasiyo mu byerekeye umuco.</u>

Kuva kuwa 9 Ugushyingo 1981 kugeza kuwa 30 Nzeli 1982, Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino yohereje abakozi bayo batatu gukulikira sitaje y'animasiyo mu

.../...

byerekeye umuco mu kigo gikuru cy'Umuziki, imbyino na teyateli i Dakar muli Senegali.

Izo sitaje, zatanzwe na A.C.C.T. mu rwego rw'ubufatanye igirana n'ibihugu biyigize.

c. Sitaje y'umukino rusange (Mouvement d'Ensemble).

Na none muli uko guhugura abakozi, Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino ishinzwe gutegura umukino rusange, yateganyilije sitaje abajya bawigisha bafatanyije n'Abakoreya kugirango tekinike z'uwo mukino zibacengeremo. Bityo bajye bawukoresha bonyine Leta y'u Rwanda itiliwe itumira abalimu bo mu mahanga.

Iyo sitaje yamaze amezi atatu iyoborwa n'Abakoreya, yatangiye kuwa 19 Nyakanga irangira kuwa 19 Ukwakira 1982. Yakulikiwe n'abantu 20 balimo abakozi ba Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino n'Abasilikare.

Muli ayo mezi uko ali atatu bihuguye mu mikino y'inanura mubili, mu muziki no mu gushushanya.

Ibikoresho n'amazu (Equipement et infrastructure)

Muli uyu mwaka wa 1982, Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino yatashye ikigo cyagenewe kuzajya gihugulirwamo abagize Itorero ly'Igihugu (Ballet National). Icyo kigo kili mu RUKALI i NYABISINDU, kandi kikaba kimaze kubona ibikoresho bilinganiye.

Hali n'izindi mfashanyo Ministeri yasabye A.C.C.T. kugirango itere inkunga (Institut Rwandais du Ballet) icyo kigo mu byerekeye tekinike. Ibyashoboye kuboneka n'ibikoresho byo gufata amajwi, cinema, photographie ...

Imfashanyo zahawe Amatorero ya za Komini

Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino iteganya imfashanyo zo guha Amatorero ya za Komini zimwe na zimwe zibikwiliye kandi zabyatse cyane cyane mu byerekeye imyambaro yo gukinana.

Dore Amatorero Ministeri yashoboye gufasha muli iyi myaka ibili 1981 na 1982:

a) Itorero lya Prefegitura ya CYANGUGU

b) Itorero lya Komini MBAZI muli BUTARE

c) Itorero lya Komini RUNDA muli GITARAMA

d) Itorero lya Komini MUSANGE muli GIKONGORO

e) Itorero ly'Intore lya Prefegitura RUHENGERI

f) Itorero lya Komini NYARUHENGERI muli BUTARE

REPUBLIQUE RWANDAISE
PRESIDENCE DU M.R.N.D.
B.P. 1055 KIGALI.-

Kigali, le 21 octobre 1982

N° 565 /001.005.-

A traiter par ..........................
..........................
Date entrée : 22/10/82
N° Classement : 5312/12.08.01

Monsieur le Ministre (TOUS)

.....................

Objet: Préparation du IVème Congrès National du M.R.N.D.

Monsieur le Ministre,

En vue de la préparation du IVème Congrès Ordinaire du M.R.N.D., j'ai l'honneur de vous demander de me transmettre chacun en ce qui concerne le Département lui confié, les données relatives à l'état d'exécution des résolutions du IIIème Congrès National Ordinaire du M.R.N.D.

Je vous demanderais d'acheminer les données précitées à la Présidence du M.R.N.D. au plus tard le 1er Décembre 1982.

Le Secrétaire Général du Mouvement
Révolutionnaire National
pour le Développement,
HABIMANA Bonaventure.-

RÉPUBLIQUE RWANDAISE
RÉPUBLIQUE RWANDAISE
UNITÉ PAIX DÉVELOPPEMENT
PRÉSIDENCE DU M.R.N.D.

Copie Pour Information à:

- Son Excellence Monsieur le Président de la République Rwandaise

K I G A L I.-